REPUBULIKA Y'U RWANDA

SERIVISI ZA MINISITIRI W'INTEBE

Ijambo rya Minisitiri w'Intebe,

Nyakubahwa Dr. Edouard Ngirente,

Rifungura Inama Nkuru y'Igihugu ya 12 y'Abana

Kigali, ku wa 07/12/2017

- **Bana bacu dukesha uyu munsi,**
- **Ba Nyakubahwa ba Minisitiri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**
- **Ba Nyakubahwa Bayobozi bo mu Nzego zitandukanye muri hano,**
- **Nyakubahwa Uhagarariye UNICEF mu Rwanda,**
- **Batumirwa mwese,**

1. Mwaramutse neza mwese? Bana bacu, muraho?

2. Ndifuza gutangira iri jambo mbagezaho indamukanyo za kibyeyi za Nyakubahwa Paul Kagame, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda na Madamu we bakaba ari n'inshuti zanyu z'umwihariko. Barabifuriza ishya n'ihirwe mu buzima bwanyu no kuzagira inama nziza. Barabasezeranya ko bazakomeza guharanira ikintu cyose cyabateza imbere.

3. Nshimishijwe no kwifatanya namwe bana bacu muri iyi Nama Nkuru y'Igihugu yanyu ibaye ku nshuro ya 12. Kwifatanya namwe ni iby'agaciro gakomeye. Ibarura rusange ry'abaturage riheruka (Ikigo cy'Igihugu gishinzwe ibarurishamibare, 2012) ryagaragaje ko abana bari munsi y'imyaka 15 bangana na 42% y'Abanyarwanda bose. Abafite hagati y'imyaka 13 na 30 bo bangana na 27%. Iyi mibare ubwayo irivugira. Abana n'urubyiruko nibo mizero y'u Rwanda rwiza rw'ejo twifuza. Nimwe muzusa ikivi tuzabasigira mukazaterura n'icyanyu mugomba kuzasigira abazabakomokaho.

4. Umuntu wese wifuza iterambere rirambye ry'Igihugu cyangwa ry'Umuryango we, aha agaciro gakwiye abana. Abatoza bakiri bato kuba abantu bafite ubumuntu Abatoza kuzahora barangwa n'indangagaciro zizabafasha mu buzima bw'abo bw'igihe kirekire. Abatega amatwi, akumva ibitekerezo byabo maze akabishingiraho mu kubafasha. Twibuke twese ko icyo turi cyo uyu munsi tugikesha ahanini uburere twahawe tukiri bato. Aka gaciro gakomeye k'abana ni ko katumye u Rwanda rwiyemeza gushyiraho ingamba zo guha abana bacu urubuga rwo gutanga ibitekerezo byabo kuri gahunda z'iterambere ry'Igihugu cyacu.

5. Guha abana agaciro no kurengera uburenganzira bwabo ni inshingano u Rwanda rwiyemeje. Tubikora kubera agaciro duha abana bacu. Iyi ni nayo mpamvu n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 mu ngingo yaryo ya 19 rivuga ko "Umwana wese afite uburenganzira bwo kurengerwa ku buryo bwihariye n'umuryango we, abandi Banyarwanda na Leta, bitewe n'ikigero n'imibereho arimo nk'uko biteganywa n'amategeko y'u Rwanda ndetse n'amategeko mpuzamahanga".

- **Bana bacu, mizero yacu,**

6. Iyi Nama Nkuru y'Igihugu yanyu ya 12 mwayihaye insanganyamatsiko igira iti: **"Uburere buboneye: inkingi yo kubaka u Rwanda twifuza".** Iyi nsanganyamatsiko mwihitiyemo ni nziza cyane. Ihuye n'icyerekezo gishya Abanyarwanda twihaye cyo kwigira, kwihesha agaciro no kwigenera uko tugomba kubaho no kuyoborwa.

7. Iyi nama izabafashe kurushaho kumva neza inshingano zanyu mu burere bwiza bubakwiye. Nk'uko byasobanuwe neza n'ubahagarariye, zimwe mu nshingano zanyu ni ukubaha ababyeyi banyu ndetse n'abandi bose babaruta kandi babatoza kuzavamo abantu bazima. Ababatoza ibibi bo ntimuzavumvire. Mufite n'inshingano yo gukunda Igihugu cyanyu no guharanira ko cyatera imbere. Kwiga mushyizeho umwete nabyo ni inshingano mugomba gukomeraho.

8. Ndabasaba kuzakoresha neza iyi nama yanyu kugira ngo muzayitangemo ibitekerezo bizavamo imyanzuro myiza izabubaka mwe ubwanyu ndetse ikazanubaka n'Igihugu cyacu. Guverimoma y'u Rwanda yongeye kubizeza inkunga yose ishoboka ijyanye no gushyira mu bikorwa imyanzuro muzafatira muri iyi nama.

- **Bana bacu, mizero yacu,**

9. Ntimwabona uburere buboneye twe ababyeyi banyu tutabigizemo uruhare. Ababyeyi twese turasabwa kurushaho kwita k'uburere bw'abana bacu. Ubu burere butangirira mu muryango.

Abarezi bigisha abana mu byiciro bitandukanye, abayobozi mu nzego zose, Abanyarwanda bose muri rusange nabo baributswa ko bafite inshingano zo kwita ku burere bw'abana bose. Abana ni ab'u Rwanda. Ntabwo umuntu agomba kwita k'ubo yabyaye gusa.

10. Kurera neza abana bijyana no kwita ku mibereho myiza yabo tukabarinda ibintu byose byabangamira imikurire yabo harimo indyo ituzuye ituma bamwe mu bana bari munsi y'imyaka 5 bakigaragaraho kugwingira. Bijyana kandi no kubatoza mwe bana bacu kugira isuku hose kandi muri byose. Bisaba kandi twe ababyeyi kubabonera umwanya uhagije tukaganira namwe, tukabatega amatwi, tukabigisha indangagaciro z'ubupfura, z'ubumuntu, zo kwitanga, kwitangira abandi, gukunda Igihugu, gushishikarira umurimo, kugira umwete mubyo mukora byose, no kubafasha kuyobora imitekerereze yanyu kugeza igihe muzaba mushobora kwifatira ibyemezo.

11. Abanyarwanda twese turasabwa gusenyera umugozi umwe kugira ngo bimwe mu bibazo bicyugarije abana tubivugutire umuti ukwiye kandi urambye. Bimwe muri ibi bibazo ni abana b'abakobwa baterwa inda, abana bata ishuri bakajya mu buzererezi cyangwa mu gukoreshwa imirimo mibi ndetse n'abana bakoresha ibiyobyabwenge.

- **Bana bacu dukunda, mizero yacu,**

12. Ndagira ngo mpinire hano iri jambo mwari mwampaye. Nongeye kubashimira ko mwateguye iyi nama yanyu kandi bikaba byatugaragariye twese ko mwayiteguye neza. Mbifurije kuzagira inama nziza. Kandi mboneyeho n'umwanya wo kubifuriza Noheli nziza, kuzasoza neza umwaka wa 2017 uri hafi kurangira no kuzagira umwaka mushya muhire wa 2018.

13. Nejejwe rero no gutangaza ko ntangije ku mugaragaro imirimo y'Inama Nkuru y'Igihugu y'Abana ya 12. Muzagire inama nziza.

Mbifurije amahoro y'Imana.